# COVID-19: KUGABANYA UMUBARE W'ABAHABWA SERIVISI IMBONANKUBONE

## ANDIKIRA UMWANDITSI W'URUKIKO RW'UBUJURIRE KURI:

### Hashingiwe ku Mabwiriza y'Urukiko rw'Ikirenga 2020-71 na 2020-72, kwinjira mu nyubako z'urukiko bigarukira kuri:

- Abanyamategeko, ababuranyi, abatangabuhamya, abunganira abakorewe ihohoterwa ryo mu ngo cyangwa se abandi bantu bakenewe cyangwa babiherewe uburenganzira kwitabira byihutirwa imanza mbonankubone nk'uko byemejwe n'urukiko.
- Abantu bakeneye ubwunganizi mu byerekeye ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa hagati y'abateretana ibyerekeye kwegirurwa umwana nk'uko biteganya hakurikijwe itegeko rya KRS 222.430 n'irukurikira (Itegeko ryitiriwe Casey) imiryango ifite abantu babaswe n'ibiyobyabwenge yifuza ko bajyanwa kuvuzwa ndetse n'aho urukiko rutegeka ko umuntu ajyanwa mu bitaro kugira ngo avurwe nk'uko biteganywa na KRS ingingo ya 202A ndetse KRS ingingo ya 645.
- Abantu bakeneye impushya zo gutwara ibinyabiziga, ibyangombwa, indangamuntu cyangwa se ibyangombwa by'ubucuruzi bakaba barahanye gahunda n'umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire.
  Icyitonderwa: Impushya zo gutwara ibinyabiziga zizata agaciro guhera tariki ya 1 Werurwe 2020 kugeza ku ya 28 Gashyantare 2021, zigomba kongererwa agaciro hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga.
- Abantu bahawe gahunda na polisi ya leta ya Kentucky ku byerekeye impushya cyangwa isuzumwa ry'ibinyabiziga.
- Abunganira abandi cyangwa ababuranyi bashaka guhabwa dosiye y'urubanza kandi bakaba bahanye gahunda n'umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire.
- Abandi bantu bakeneye guhabwa urupapuro cyangwa se dosiye y'urubanza kandi bakaba bahanye gahunda n'umwanditsi w'urukiko ry'ubujurire.

Dosiye zose zizoherezwa hakoreshejwe iposita, eFiled cyangwa zishyirwe hamwe hakoreshejwe udusanduku dutangwa hanze y'ingoro y'ubutabera.

Amafaranga yishyurwa urukiko, amande n'isubizwa bishobora gukorwa hakoreshejwe urupapuro rwo kwishyura rwohererezwa umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire hakoreshejwe iposita cyangwa kwishyura mu ntoki cyangwa hakoreshejwe ikarita bishyuriraho binyuze mu guhamagra umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire.

Amande y'ibyaha byakorewe mu muhanda yishyurwa mbere biciye kuri ePay kuriwww.kycourts.gov.

Abantu bashaka gutanga inyandiko mvunjwafaranga bagomba kwandikira umwanditsi w'urukiko rw'ikirenga bagahabwa andi mabwiriza.

Kugira ngo usabe kwitabira iburanisha mu ruhame, bimenyeshe umwanditsi w'urukiko rw'ikirenga akwereke uko ubigenza.

Abantu batujuje ibisabwa batemerewe kwinjira mu nyubako z'urukiko bagomba kubimenyesha umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire agashaka uko yakongera kumuha gahunda, gukurikiranira urubanza kuri interineti cyangwa se uko yarangiza ibimureba byerekeye urubanza.